# Imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari Qur'an

Sa'ad Ibun Hisham Ibun Amir ubwo yajyaga kwa Aishat (Imana imwishimire) yaramubajije ati: Yewe Nyina w'abemera! Mbwira imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) uko yari imeze? Aishat aramusubiza ati: Ese ntusoma Qur'an/ Ndamusubiza nti: Yego! Arambwira ati: Imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari Qur'an.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim muri Hadithi ndende]

Aishat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) yabajijwe ku mico n'imyifatire yarangaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko asubiza igisubizo kibumbatiye hamwe, ayobora uwari umubajije kuri Qur'an Ntagatifu yo ikusanyirije hamwe indangagaciro zuzuye, aramubwira ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarangwaga n'imico igaragara muri Qur'an, ibyo yategetse n'ibyo yabujije yarabyubahirizaga. Bityo imico ye yaranzwe no gushyira mu bikorwa Qur'an, no kwitwararika amategeko yayo, no kurangwa n'indangagaciro zayo, no gutekereza ku ngero zayo n'inkuru zayo.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/8265